INAMA Y'ABAKOZI N'ABIKORERA BATURUTSE MU MAPARUWASI YOSE YA DIYOSEZI YA NYUNDO

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA asuhuza abitabiriye inama

Tariki ya 15/03/2019 kuri Centre Pastoral saint Jean Paul II habaye inama y'abakozi n'abikorera baturutse mu maparuwasi yose ya Diyosezi ya Nyundo. Padiri Fabiyani RWAKAREKE, umuyobozi wa Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa yatangije inama abwira abayitabiriye ko bagiye kurebera hamwe uko bakora, bagatahiriza umugozi umwe, buri tsinda rikiyubakira Paruwasi maze Diyosezi yacu ikarushaho gutera imbere mu bukristu no mu bushobozi. Padiri Fabiyani RWAKAREKE akimara gutangiza inama, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yaje kuramutsa abitabiriye inama. Yababwiye ko yifuje cyane ko iyi nama yatumizwa na Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa kugira ngo koko Padiri Mukuru wa buri Paruwasi akorane cyane n'itsinda ry'abajijutse kugira ngo biyubakire Paruwasi kuko ubu imfashanyo zituruka hanze zitakiboneka kandi ko akimuhana kaza imvura ihise. Tugomba kwishakamo ubushobozi bwubaka Paruwasi zacu. Nyiricyubahiro Musenyeri yakomeje avuga ko amaparuwasi yose yasuye abona ko iri tsinda rifite ububyutse n'ubushake bwo kwiyubakira Paruwasi. Yasabye abitabiriye inama kwigisha bagenzi babo batifatanya na bo kuko bagomba kubigisha bakumva neza Kiliziya. Yavuze ko ari igihe cyo kwibutsa abapadiri bakuru ko bagomba gukorana n'izo nzego z'abakozi n'abikorera bakiyubakira Paruwasi mu iyogezabutumwa mu muryangoremezo, muri za santrali mu nzego zinyuranye. Yibukije abakozi n'abacuruzi ko abapadiri bakora ubutumwa ndetse bakabuhindurirwa muri

Paruwasi iyi n’iyi, ariko bo ko basigara iwabo; ko ari yo mpamvu bakwiye kumva ko Paruwasi ari iyabo. Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yarangije indamutso ye ababwira ko yizeye ko iyi nama barayikuramo umurongo ngenderwaho bazakoresha mu iyogezabutumwa ukazabyara imbuto zishimishije. Abitabiriye inama basabye ifoto y’urwibutso bari kumwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA.

Ifoto y’urwibutso nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA ari kumwe n’abitabiriye inama

Nyuma y’indamutso ya Nyiricyubahiro Musenyeri, hakurikiyeho kubwirana muri rusange uko buri Paruwasi isanzwe ikora mu ihuriro ryabo. Buri paruwasi imaze gusangiza uko ikora, Padiri Fabiyani RWAKAREKE yababwiye ko buri Paruwasi yigiye ku yindi. Icyo mwasanze abahandi bafite cyabagirira akamaro mu itsinda ryanyu mu gitahane mugishyire abo mwaje muhagarariye. Hakurikiyeho gukorera mu matsinda kugira ngo barusheho gusangira ibitekerezo no kungurana ubumenyi bubafasha kumva kimwe uko bakora bagatahiriza umugozi umwe bakurikije imiterere ya buri Paruwasi.

Bimwe mu bibazo byigiwe mu matsinda:

1. Hakorwa iki ngo iri huriro rirusheho kwitabirwa?
2. Hakorwa iki kugira ngo abarigize barusheho guhuguka mu bukristu?
3. Byagenda bite kugira ngo barusheho kwitangira umuryango mugari w'abana b'Imana:
   - Uruhare mu nzego zinyuranye za Kiliziya muri komite za Paruwasi no mu miryangoremezo
   - Uruhare mu miryango ya Agisiyo Gatolika n'amahuriro y'abasenga na chorales
4. Uburyo bwo gutegura ibiganiro bibajijura.
   - Ingero z'ibiganiro bikenewe n'uruhare bwite rw'abagize iryo huriro
5. Imbuto z'uyu mwaka w'urukundo mu bikorwa cyane cyane iby'impuhwe twafata ngamba ki ngo zizarambe? Abakozi n'abacuruzi babigiramo uruhe ruhare?

Bimwe mu bitekerezo byavuye mu matsinda:

1. Amatsinda yose yemeje ko habaho muri Paruwasi ihuriro ry'abakozi rimwe, rifite izina ry'umutagatifu bisunze, rikagira komite igizwe n'abantu 4 iriyobora kandi rikitwa abakozi n'abikorera.
2. Kugira ngo abari mu itsinda ry'abakozi n'abikorera barusheho guhuguka mu bukristu bazanze hakorwa ibi bikurikira:
   - Gukora imyiherero ibafasha guhuguka
   - Gukora ingendo nyobokamana
   - Gukora ingendo-shuri mu zindi Paruwasi
   - Guhabwa inyigisho ku bantu banyuranye zigatangwa n'abantu banyuranye
   - Abakozi n'abikorera bakazajya bihitiramo ibiganiro bahabwa
   - Kuzajya bategurirwa inyigisho ku mahame ya Kiliziya
3. Kugira ngo abakozi n'abikorera barusheho kwitangira umuryango mugari w'abana b'Imana:
   - Uruhare mu nzego zinyuranye za Kiliziya:
   - Abari mu itsinda ry'abakozi n'abikorera bazajya bahabwa inshingano mu nzego z'ubuyobozi muri Paruwasi, muri santrali no mu miryangoremezo
   - Bagomba kuzajya bashishikarizwa kujya mu nzego za Kiliziya (paruwasi, santrali no mu miryangoremezo)
   - Mu miryango ya Agisiyo Gatolika n'amahuriro y'abasenga:

- Abari mu itsinda ry'abakozi n'abikorera bakwiye kuzajya bahabwa inshingano zinyuranye nko kuba abasomyi, abanyamutuzo n'abagabuzi b'ingoboka b'Ukaristiya.
- Kongerera inzego ubushobozi nk'uko MAPAF ibiteganya
- Bakwiye kujya mu miryango ya Agisiyo Gatolika bagafatamo imyanya y'ubuyobozi bityo bakabona uko bafasha abandi.

4. Ingero z'ibiganiro bikenewe n'uruhare bwite rw'abagize iryo huriro ni:
   - Ibiganiro bigamije gusobanukirwa aho isi igeze mu iterambere
   - Ibiganiro bigamije gusobanukirwa uko bakemura amakimbirane mu ngo bamurikiwe n'Ivanjili
   - Gushyiraho gahunda y'inama ihoraho ihuza abapadiri na komite y'ihuriro mu gutegura igenamigambi y'ibiganiro
5. Kugira ngo imbuto z'uyu mwaka w'ibikorwa cyane cyane iby'impuhwe zizagumeho, biyemeje ko buri mwaka bazajya bakora ibikorwa by'impuhwe buri mwaka bakubakira abatishoboye, bagatanga mutuelle de santé, bagasura abagororwa n'abarwayi.
6. Abitabiriye inama bifuje ibi bikurikira:
   - Ko inama nk'iyi yazajya iba rimwe mu mwaka iyobowe na biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa
   - Kubaho imikoranire y'ab'Aumôniers mu ma zones pastorales n'amatsinda y'abakozi n'abikorera
   - Kuzajya basurwa na Biro ya Diyosezi ishinzwe Iyogezabutumwa nk'uko babikora mu miryangoremezo y'icyitegererezo.

Padiri Fabiyani RWAKAREKE yabwiye abitabiriye iyi nama ko ibi bivuye mu matsinda byafatwa nk'imyanzuro ngenderwaho. Yabashimiye uko batanze ibitekerezo byiza n'uko bagaragaje urukundo bafitiye Kiliziya. Yabibukije ko umuntu wese wabatijwe agakomezwa aba ari koko intumwa mu bandi. Yasoje ababwira ko nidufatanya, tuzubaka Kiliziya twifuza ibereye buri wese.

Pierre NIYONSENGA,
SERVICE DIOCESAIN
DE COORDINATION PASTORALE